

Official Gazette n° Special bis of 30/06/2015

ITEKA RYA PEREZIDA N°42/03 RYO KU
WA 30/06/2015 RISHYIRAHU IMINSI
Y'IBIRUHUKO RUSANGE

PRESIDENTIAL ORDER N°42/03 OF
30/06/2015 DETERMINING OFFICIAL
HOLIDAYS

ARRETE PRESIDENTIEL N°42/03 DU
30/06/2015 DETERMINANT LES JOURS
FERIES OFFICIELS

ISHAKIRO

Ingingo ya mbere: icyo iri teka rigamije

Ingingo ya 2: Abo iri teka rireba

Ingingo 3: Iminsi y'ikiruhuko

Ingingo ya 4: Impurirane y'iminsi
y'ikiruhuko n'iminsi y'impera y'icyumweru

Ingingo 5: Abashinzwe kubahiriza iri teka

Ingingo ya 6: Ivanwaho ry'ingingo
zinyuranyije n'iri teka

Ingingo ya 7: Igihe iri teka ritangira
gukurikizwa

TABLE OF CONTENTS

Article One: Purpose of this Order

Article 2: Scope of application

Article 3: Official holidays

Article 4: Coincidence of official holidays with
the days of weekends

Article 5: Authorities responsible for the
implementation of this Order

Article 6: Repealing provision

Article 7: Commencement

TABLE DES MATIERES

Article premier : Objet du présent arrêté

Article 2 : Champ d'application

Article 3: Jours fériés

Article 4: Concours des jours fériés officiels
avec les jours du weekend

Article 5 : Autorités chargées de l'exécution du
présent arrêté

Article 6: Disposition abrogatoire

Article 7: Entrée en vigueur

Official Gazette n° Special bis of 30/06/2015

ITEKA RYA PEREZIDA N°42/03 RYO KU WA 30/06/2015 RISHYIRAHO IMINSI Y'IKIRUHUKO RUSANGE

Twebwe KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

Dushingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 112, iya 113, iya 121 n'iya 201;

Dushingiye ku Itegeko n°13/2009 ryo kuwa 27/05/2009 rigenga Umurimo mu Rwanda, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 59;

Dushingiye ku Itegeko no 86/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rishyiraho Sitati Rusange igenga Abakozi ba Leta, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 30;

Dusubiye ku Iteka rya Perezida n°06/01 ryo kuwa 16/02/2011 rishyiraho iminsi y'ikiruhuko iteganywa n'amategeko;

Bisabwe na Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo;

Inama y'Abaminisitiri yateranye kuwa 14/05/2015 imaze kubisuzuma no kubyemeza ;

TWATEGETSE KANDI DUTEGETSE:

PRESIDENTIAL ORDER N°42/03 OF 30/06/2015 DETERMINING OFFICIAL HOLIDAYS

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003, as amended to date, especially in Articles 112, 113, 121 and 201;

Pursuant to Law n° 13/2009 of 27/05/2009 relating to Labour Law in Rwanda, especially in Article 59;

Pursuant to Law No 86/2013 of 11/09/2013 establishing the general statutes for public service, especially in its article 30;

Having reviewed Presidential Order n°06/01 of 16/02/2011 determining official holidays;

On proposal by the Minister of Public Service and Labour;

After consideration and approval by the Cabinet in its session of 14/05/2015;

HAVE ORDERED AND HEREBY ORDER:

ARRETE PRESIDENTIEL N°42/03 DU 30/06/2015 DETERMINANT LES JOURS FERIÉS OFFICIELS

Nous, KAGAME Paul ;
Président de la République ;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003, telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 112, 113 121 et 201;

Vu la Loi n° 13/2009 du 27/05/2009 portant réglementation du travail au Rwanda, spécialement en son article 59;

Vu la Loi No 86/2013 du 11/09/2013 portant statut général de la fonction publique, spécialement en son article 30;

Revu l'Arrêté Présidentiel n° 06/01 du 16/02/2011 déterminant les jours fériés officiels;

Sur proposition du Ministre de la Fonction Publique et du Travail ;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 14/05/2015 ;

AVONS ARRETE ET ARRETONS:

Official Gazette n° Special bis of 30/06/2015

Ingingo ya mbere: icyo iri teka rigamije

Iri teka rishyiraho iminsi y'ikiruhuko rusange.

Article One: Purpose of this Order

This Order determines official holidays.

Article premier : Objet du présent arrêté

Le présent arrêté détermine les jours fériés officiels.

Ingingo ya 2: Abo iri teka rireba

Iri teka rireba Abakozi n'Abakoresha bose mu Nzego za Leta ndetse n'Iz'Abikorera.

Article 2: Scope of application

This Order shall apply to all employees and employers in the public and private sector.

Article 2 : Champ d'application

Le présent arrêté s'applique à tous les employés et employeurs dans le secteur public et dans le secteur privé.

Ingingo ya 3: Iminsi y'ikiruhuko

Iminsi y'ikiruhuko mu Nzego za Leta n'iz'abikorera ishyizweho ku buryo bukurikira:

Article 3: Official holidays

Official holidays in public and private sector shall be determined as follows:

Article 3: Jours fériés

Les jours fériés officiels dans le secteur public et privé sont fixés comme suit :

1° Kuwa mbere Mutarama: Ubumani

1° 1st January: New Year's day

1° 1^{er} Janvier : Nouvel An

2° Kuwa kabiri Mutarama: Umunsi ukurikira Ubumani

2° 2nd January: Day after New Year's Day

2° 2 Janvier : Le lendemain du Nouvel An

3° Kuwa mbere Gashyantare: Umunsi w'Intwari

3° 1st February: National Heroes' Day

3° 1^{er} Février : Journée Nationale des Héros

4° Umunsi wa Gatana Mutagatifu

4° Good Friday

4° Vendredi Saint

5° Kuwa 7 Mata: Umunsi wo Kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi

5° 7th April: Genocide against the Tutsi Memorial Day

5° 7 Avril : Journée commémorative du Génocide perpétré contre les Tutsi

6° Kuwa mbere Gicurasi: Umunsi Mukuru w'Umurimo

6° 1st May: Labour Day

6° 1^{er} Mai : Journée du Travail

7° Kuwa 1 Nyakanga: Umunsi w'Ubwigenge

7° 1st July: Independence Day

7° 1^{er} Juillet : Journée de l'Indépendance

8° Kuwa 4 Nyakanga: Umunsi wo Kwibohora

8° 4th July: Liberation Day

8° 4 Juillet : Journée de la Libération

Official Gazette n° Special bis of 30/06/2015

9° Uwa Gatanu w'icyumweru cya mbere cya Kanama: Umunsi w'Umuganura	9° Friday of first week of August: Umuganura Day	9° Vendredi de la première semaine d'Août : Journée Umuganura
10° Kuwa 15 Kanama: Asomusiyo	10° 15 th August: Assumption Day	10° 15 Août : Assomption
11° Kuwa 25 Ukuboza: Noheli	11° 25 th December: Christmas Day	11° 25 Décembre : Noël
12° Ku wa 26 Ukuboza: Umunsi ukurikira Noheli	12° 26 th December: Boxing Day	12° 26 Décembre : Le lendemain de Noël
13° EID EL FITR: itariki itangazwa buri mwaka na Rwanda Moslems' Association;	13° EID EL FITR: the date shall be announced each year by Rwanda Moslems' Association;	13° EID EL FITR : la date est annoncée chaque année par l'Association des Musulmans au Rwanda ;
14° EID AL-ADHA:itariki itangazwa buri mwaka na Rwanda Moslems' Association.	14° EID AL-ADHA: the date shall be announced each year by Rwanda Moslems' Association.	14° EID AL-ADHA: la date est annoncée chaque année par l'Association des Musulmans au Rwanda.

Ingingo ya 4: Impurirane y'iminsi y'ikiruhuko n'iminsi y'impera y'icyumweru

Uretse ku wa 7 Mata, Umunsi wo Kwibuka Jenocide yakorewe Abatutsi, iyo umunsi w'ikiruhuko uhuriranye n'umunsi w'impera y'icyumweru, umunsi w'akazi ukurikiraho uba umunsi w'ikiruhuko.

Iyo iminsi ibiri (2) y'ikiruhuko ikurikiranye ihuye n'umunsi w'impera y'icyumweru, iyo minsi y'ikiruhuko yombi ibumbirwa mu munsi umwe (1) w'ikiruhuko ku munsi w'akazi ukurikiraho.

Iyo iminsi ibiri (2) y'ikiruhuko ihuriranye, umunsi ukurikiraho w'akazi uba ikiruhuko mu

Article 4: Coincidence of official holidays with the days of weekend

Except 7th April, Genocide against the Tutsi Memorial Day, if a official holiday falls on one (1) day of the weekend, the following working day shall be an official holiday.

If two (2) consecutive official holidays fall on a day of week end, the two (2) official holidays shall be compensated in one (1) working day that follows.

In case of coincidence of two (2) official holidays, the following working day shall be an

Article 4: Concours des jours fériés officiels avec les jours du weekend

Sauf le 7 Avril, Journée commémorative du Génocide perpétré contre les Tutsi, si un jour férié officiel tombe sur l'un (1) des jours du weekend, il est reporté au plus prochain jour ouvrable.

S'il y a deux (2) jours fériés officiels consécutifs tombent sur un jour du weekend, ils sont compensés en un (1) seul jour ouvrable le plus proche.

En cas de coïncidence de deux (2) jours fériés officiels , le prochain jour ouvrable est le jour

Official Gazette n° Special bis of 30/06/2015

rwego rwo gusimbura umwe (1) muri icyo minsi ibiri (2) y'ikiruhuko yahuriranye.

Ingingo ya 5: Abashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka

Minisitiri w'Intebe na Minisitiri ufite Abakozi ba Leta mu nshingano ze basabwemo kubahiriza iri teka.

Ingingo ya 6: Ivanwaho ry'ingingozinyuranyije n'iri teka

Iteka rya Perezida n°06/01 ryo kuwa 16/02/2011 rishyiraho iminsi y'ikiruhuko iteganywa n'amategeko n'izindi ngingo z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo bivanyweho.

Ingingo ya 7: Igihe iteka ritangira gukurikizwa

Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, kuwa **30/06/2015**

official holiday to compensate one (1) of the two (2) coinciding official holidays.

Article 5: Authorities responsible for the implementation of this Order

The Prime Minister and the Minister in charge of labor are entrusted with the implementation of this Order.

Article 6: Repealing provision

Presidential Order n°06/01 of 16/02/2011 determining official holidays and all prior provisions contrary to this Order are hereby repealed.

Article 7: Commencement

This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on **30/06/2015**

férié pour compenser l'un (1) des deux (2) jours fériés coïncidents.

Article 5: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté

Le Premier Ministre et le Ministre ayant le travail dans ses attributions sont chargés de l'exécution du présent arrêté.

Article 6: Disposition abrogatoire

L'Arrêté Présidentiel n°06/01 du 16/02/2011 déterminant les jours fériés et toutes les dispositions réglementaires antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

Article 7: Entrée en vigueur

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le **30/06/2015**

(sé)
KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika

(sé)
KAGAME Paul
President of the Republic

(sé)
KAGAME Paul
Président de la République

(sé)
MUREKEZI Anastase
Minisitiri w'Intebe

(sé)
MUREKEZI Anastase
Prime Minister

(sé)
MUREKEZI Anastase
Premier Ministre

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya
Repubulika:**

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minisitiri w'Ubutabera/ Intumwa Nkuru ya
Leta

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minister of Justice/Attorney General

(sé)
BUSINGYE Johnston
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux